INAMA Y'ABAYOBOZI B'IBIGO GATOLIKA, BA PADIRI MUKURU N'ABAKURIYE IHURIRO RY'ABARIMU BIGIGISHA ISOMO RY'IYOBOKAMANA MURI DOYENNE YA NYUNDO

Ku wa 18 Gashyantare 2019 guhera 9h40, kuri Centre Pastoral St Jean Paul II ku Nyundo hateraniye inama yahuje ba Padiri Mukuru, Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri Gatolika n'abarimu bakuriye Ihuriro ry'abarimu bigisha isomo ry'Iyobokamana muri Zone ya Gisenyi. Abitabiriye bose hamwe bari 51.

Inama yayobowe na Nyakubahwa Mgr JMV NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepisikopi, akaba anakuriye Ibiro bya Diyosezi ya Nyundo Bishinzwe Uburezi n'Ibiro Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu muri Zone Pastorale ya Gisenyi.

Abari mu nama barebeye hamwe imirimo yakozwe mu mwaka wa 2018 n'iteganijwe muri 2019:

Hishimiwe amahugurwa yahawe abarezi b'Ukwemera bashimangira ko agomba no gukomeza. Hishimiwe urugendo rutagatifu rw'abarezi b'Ukwemera ba Zone ya Gisenyi bakoreye i Kongo-Nili rukabafasha gusabana n'Imana no kurushaho kuzirikana umurimo wa bo wo kurera. Hishimiwe ko abarezi barwitabiriye bahawe

ubutumwa na Kiliziya bwo kwigisha Isomo ry'Iyobokamana, ndetse hanifuzwa ko abarimu bose bigisha iyobokamana uyu mwaka bahabwa ubutumwa kuko bituma barushaho kumva ko ari intumwa za Kiliziya aho bari, bigatuma baha isomo ry'iyobokamana agaciro.

Herekanwe ibyagaragajwe na Concours y'iyobokamana yakozwe ku wa 07/09/2018: hishimiwe ko yatubereye indorerwamo y'uko ibigo bihagaze mu isomo ry'Iyobokamana; biratanga icyizere gikomeye. Hafashwe umwanzuro ko iyo concours izakomeza gutegurwa buri mwaka.

Havuzwe ku rugendo nyobokamana rw'abarezi ba C.S. KAYANZA i Kibeho ku wa 05-06 /11/ 2018. Basanga ni imbuto nziza yeze ku rugendo rw'Abarezi b'Ukwemera i Congo-Nili. Abari mu nama baboneyeho no kwemeza ko uyu mwaka ku itariki bazamenyeshwa n'Ibiro bya Diyosezi Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu, Abayobozi b'Ibigo Gatolika n'Abarimu bigisha iyobokamana bazakorera urugendo Rutagatifu i Kibeho.

Mu nama herekanwe kandi Imfashanyigisho nshya z'iyobokamana (udutabo tw'umunyeshuri turi mu rurimi rw'icyongereza) bashishikarizwa kuzigura kimwe n'izisanzwe za mwarimu. Abarimo umwenda w'ibitabo basabwe kwishyura vuba ngo haboneke uburyo bwo gutumiza ibindi. Hongeye gushimangirwa ko umwarimu w'iyobokamana agomba gutoranywa mu barezi b'abakristu kuko "Ntawe utanga icyo adafite".

Harebwe uko ibigo Gatolika bihagaze haba mu miyoborere, **imitsindire 2018** no mu iyogezabutumwa. Abayobozi b'ibigo bose biyemeje ko bafashe ingamba ku buryo umubare w'abatsindwa, abimuko nta cyo bazi n'abata ishuri ugomba kugabanuka muri 2019. Hagaragajwe ikibazo cya bamwe mu barezi bigisha batabishaka, bagakora nk'abacancuro, bagaragaza imyitwarire mibi bakayikongeza abana bityo bakaba bakwiye kugororwa.

Haganiriwe ku Icyerekezo cy'iyogezabutumwa muri Diyosezi n'ikenurabushyo mu mashuri Gatolika: abo dushinzwe tugomba kubatoza ibikorwa by'urukundo, kandi abanyeshuri bagomba gushishikarizwa kwigira amasakramentu; abanyeshuri

bagomba kubumbirwa mu Miryango y'agisiyo Gatolika n'andi makoraniro abafasha gukura mu kwemera.

Abari mu nama biyemeje kuzategura neza Icyumweru cy'Uburezi Gatolika kizahimbarizwa muri Nyundo ku wa 21 / 06 /2019. Bazongera umusanzu batangaga kandi bazarushaho gucengera neza insanganyamatsiko igira iti: "**Ishuri ryacu ridutoza kwita no kubaha umutungo rusange**" no kuyishyira mu bikorwa.

HAKIZIMANA Jean d'Amour